6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Imegeri ku mugina




Mahoro na Higiro bariruka. Higiro **arahagira**. Mahoro yaguye **arakomereka**. Higiro atabara Mahoro aramuhoza.

a. Mahoro na Higiro barakora iki?


b. Higiro yakoze iki?

7. Andika ingombajwi **h** nto mu ikayi yawe.



h h h h h h h h h

8. Andika ingombajwi **H** nkuru mu ikayi yawe.



H H H H H H H H H

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | umu _ igo | k | h | a |
| b. | _ iganiro | y | a | H |

10. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

neza - ikizamini - Muhizi - yakoze.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Sugira na Sara



Sugira na Sara **basukura** amasorori atatu.
Boza amasahane umunani.
**Barayahanagura** bakayahereza Suzana.
Suzana abika amasahane ahantu hasukuye.

a. Sugira na Sara barasukura iki?

b. Sugira na Sara boza amasahane angahe?

c. Suzana abika amasahani he?

8. Andika ingombajwi **s** nto mu ikayi yawe.

s s s s s s s s s

3. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| hi | hu | ho | ha | he |
| si | su | so | sa | se |
| vi | vu | vo | va | te |

4. Andika ingombajwi **v** nto mu ikayi yawe.

**h h h s s s v v v**

5. Andika ingombajwi **V** nkuru mu ikayi yawe.

**H H H S S S V V V**

6. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike.

a. umu — bune

b. isa — voma

c. ku — heha

7. Tondeka neza iyi migemo ukore ijambo, uryandike mu ikayi yawe.

a. ibihaza - arasarura - Muvara.

b. akubura - Vanesa - vuba - umuharuro.

c. ikivuguto - Verena - araha - Saveri.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Wibabara na Werarisi



Wibabara na Werarisi bateye **ikawa** ijana. Wibabara na Werarisi bakorera ikawa zabo. Ikawa yera ububuto butukura. Hari igihe bagiye gusura Muvara Iwawa. Bamuha **ibaruwa** arayisoma.

a. Wibabara na Werarisi bateye iki?
b. Bateye ikawa zingahe?
c. Ikawa yera ububuto busa bute?

7. Andika ingombajwi **w** nto mu ikayi yawe.

w

w w w w w w w w w

8. Andika ingombajwi **W** nkuru mu ikayi yawe.

W

W W W W W W W

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | ika _ a | e | w | h |
| b. | _ erarisi | a | h | W |

10. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Uwimana arasoroma ________.

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Kawera na Werarisi



Kawera na Werarisi ni abana ba Izabayo.
Izabayo atoza abana be babiri imirimo.
Werarisi arataka **amawuwa** mu **mavazi** ane.
Werarisi na Kawera bategura neza iwabo.

a. Ni iki Izabayo atoza abana be?

b. Abana ba Izabayo ni bangahe?

c. Werarisi arataka amawuwa mu mavazi angahe?

8. Andika ingombajwi **w** nto mu ikayi yawe.

w w w w w w w w w

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Dorote yayaguze utudenesi



Doroteya yagiye ku maduka. Agura utu**denesi** tune. Yahaye Muhamedi ududenesi tubiri. Doroteya asigarana tubiri. Doroteya na Muhamedi baradusuye turakina. Muhamedi yatuzaniye **umuduri**. Doroteya na Muhamedi baceka umudiho.

a. Doroteya yagiye he?
b. Doroteya yaguze utudenesi tungahe?
c. Muhamedi yatuzaniye iki?

7. Andika ingombajwi **d** nto mu ikayi yawe.

d d d d d d d d d d

8. Andika ingombajwi **D** nkuru mu ikayi yawe.

D D D D D D D D D D

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.


| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | umu _ozi | a | d | w |
| b. | _ ina | k | m | D |

10. Tondeka neza aya magambo ukore interuro, uyandike.

Doroteya na Muhamedi baraceka _____.

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Joriji mu gikoni



Joriji yogeje amajerikani abiriabikamo amazi.

Amaze kuyoza ateka amafi. Ategura **imiteja** mu isafuriya nini. **Nijoro** yatumiye Jani ku meza baraganira. Joriji na Jani baranezerewe.

a. Ni iki Joriji abikamo amazi?

b. Joriji yogeje amajerikani angahe?

c. Ni iki Joriji yateguye?

7. Andika ingombajwi j nto mu ikayi yawe.

j   j j j j j j j j j

8. Andika ingombajwi J nkuru mu ikayi yawe.

J   J J J J J J J J J

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | imite _ a | k | j | w |
| b. | _ uru | s | y | J |

10. Andika interuro ikurikira mu ikayi yawe.

Jani - ku - arareba - ijuru.

Ku meza hari akajerikani karimo amavuta.
**Akatira** imiteja ku isahani.
Ateka amafi mu isafuriya.
Jabo aha Furaha umufa.
Furaha **awuhuta anezerewe**.

a. Ni iki Jabo atekamo amafi?

b. Ni hehe Jabo akatira imiteja?

8. Andika ingombajwi **f** na **j** nto mu ikayi yawe..

f j f j f j f j f j

9. Andika ingombajwi **F** na **J** nkuru mu ikayi yawe.

F J F J F J F J

10. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| fi | fu | fo | fa | fe |
| ji | ju | jo | ja | je |

11. Soma kandi wandike mu ikayi yawe amagambo akurikira.

isafuriya ijuru ijerekani ifarasi

11. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike.


| | | |
|---|---|---|
| i-ru-ju | fo-i-to | ri-Jo-ji |

12. Tondeka neza aya magambo ukore interuro, uzandike.

abageni - arafotora - Gafuku

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

# Ipusi ya Poponi na Jabiro



Poponi na Jabiro boroye ipusi iwabo. Ipusi ya Poponi na Jabiro yuriye ipera. **Ipusi** ya Poponi na Jabiro yitegereje **amapera**. Nuko Poponi ayiha amapera. Ipusi iranezerewe.

a. Poponi na Jabiro bororeye he ipusi?

b. Ni iki Poponi yahaye ipusi?

7. Andika ingombajwi **p** nto mu ikayi yawe.

p p p p p p p p p p

8. Andika ingombajwi **P** nkuru mu ikayi yawe.

P P P P P P P P P P

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | _ etero | r | f | P |
| b. | igi _ esu | j | p | f |

10. Tondeka neza aya magambo ukore interuro, uyandike.

umurizo - ipusi - ifite

7. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Karoli afite ipusi



Karoli afite ipusi. Ipusi ye ayiha amata.
Karoli afata ipusi ye neza.
Ayigaburira ku **ipanu**.
Ipusi ye imukurikira aho agiye hose.

a. Karoli afite iki?

b. Karoli afata ipusi ye ate?

8. Andika ingombajwi **p** na **l** nto mu ikayi yawe..

p l p l p l p l p

9. Andika ingombajwi **P** na **L** nkuru mu ikayi yawe.

L P P L L P P L L P

Baguze imigati ibiri ikoze mu ngano.
Baguze amafi atanu yokeje yo muri Ruhondo.
Baguze amatunda icumi.
Bageze mu birunga barafungura.
Bakomeza berekeza aho ingagi ziba.
Bitegereje ingagi bacecetse kuko zanga **induru**.

a. Kangabe na Ngoga bagiye he?

b. Kangabe na Ngoga baguze amatunda angahe?

c. Ingagi zanga iki?

8. Andika ibihekane **nd** na **ng** mu nyuguti nto mu ikayi yawe..

**nd ng nd ng nd ng nd**

9. Andika ibihekane **Nd** na **Ng** bitangiwe n'inyuguti nkuru mu ikayi yawe.

**Nd Ng Nd Ng Nd Ng Nd**

10. Soma imigemo ikurikira uyandike mu ikayi yawe.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| ndi | ndu | ndo | nda | nde |
| ngi | ngu | ngo | nga | nge |

11. Soma kandi wandike mu ikayi yawe amagambo akurikira.

ingofero umuhanda ibanga ibendera

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Shami, Sheja na Gashema



Shami, Sheja na Gashema bafatanya gutegura amafunguro. Gashema yagiye **gushesha** amasaka.Shami na mushiki we Sheja basigara babaga **igishuhe**. Shami aronga inyama. Sheja atunganya ibirungo. Gashema avuye gushesha amasaka akaranga inyama.

a. Ni bande bategura amafunguro?
b. Gashema yagiye he?
c. Sheja atunganya iki?

7. Andika igihekane **sh** mu nyuguti nto mu ikayi yawe.

**sh sh sh sh sh sh sh**

8. Andika mu ikayi yawe igihekane **Sh** gitangiwe n'inyuguti nkuru.

**Sh Sh Sh Sh Sh**

9. Uzurisha imwe mu nyuguti zikurikira wandike ijambo.

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| a. | i _ ati | ny | sh | nd |
| b. | ama _ ami | nd | sh | ng |

10. Hitamo ijambo rikwiye wuzuze neza interuro uyandike

Gashema yadodesheje ____. (Ishati, amashami)

Nyirasenge arahinga akanorora.

Mu gitondo Shami yamufashije gusarura inyanya.

Nimugoroba basarura amashaza.

Ejo bazagemura inyanya ku ishuri i Musha.

Ejo bundi bazagemura amashaza imifuka icumi.

a. Nyarasenge wa Shami atuye he?

b. Shami na Nyirasenge bazagemura inyanya hehe?

c. Shami na Nyirasenge bazagemura imifuka ingahe y'amashaza?

7. Andika mu ikayi yawe ibihekane **ny** na **sh** mu nyuguti nto.

**sh ny sh ny sh ny sh ny**

8. Andika mu ikayi yawe ibihekane **Ny** na **Sh** bitangiwe n'inyuguti nkuru.

**Sh Ny Sh Ny Sh**

10. Soma kandi wandike mu ikayi yawe amagambo akurikira.

Umunyinya Igishuhe ishinya inyoni

11. Huza ibice by'amagambo bikurikira ukore ijambo, uryandike.

| | | |
|---|---|---|
| a. | ama | guti |
| b. | inyu | bindi |
| c. | iki | shaza |

5. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Shami na Nyirasenge



Uwingabire yavuye ku isoko yikoreye amatunda ku ibase. Ageze mu rugo Gashema **arayamutura**. Uwingabire asanga Gashema yateguye ifunguro. Ifunguro ririmo ibinyamafufu barisha **indugu**. Gashema aronga amatunda cumi n'abiri.Ayo matunda bayafata nyuma yo gufungura.

a. Uwingabire ageze mu rugo Gashema yamutuye iki?

b. Uwingabire ageze mu rugo yakoze iki?

c. Gashema aronga amatunda angahe?

6. Tondeka neza aya magambo ukore ijambo, uryandike mu ikayi yawe.

a. indege - akunda - Karinda - kureba

b. neza - yandika - Ngamije

c. ingoma - Ngunda - aravuza

6. Soma agakuru gakurikira maze usubize ibibazo.

## Biteje imbere



Gakwisi na Kambibi **babumba** imitako. Iyo babumba bakoresha ibumba. Bagurisha imitako bakizigamira. Ku wa Mbere baguze udukwavu dutanu. Ku wa Kabiri baguze **imbata** icumi zo korora. Ku wa Gatatu baguze imbaho ijana. Ku wa Kane bubakiye amatungo yabo ibibuti.

a. Ni bande babumba imitako?

b. Gakwisi na Kambibi baguze imbaho ku wa kangahe?

c. Baguze imbaho zingahe?

7. Tondeka neza amagambo akurikira ukore interuro, uzandike.

imbaho-agurisha-Kambari

Kwizera-imboga-afumbira

8. Andika ibihekane **kw** na **mb** mu nyuguti nto mu ikayi yawe..

**kw kw kw mb mb mb**

9. Andika ibihekane **Kw** na **Mb** bitangiwe n'inyuguti nkuru mu ikayi yawe.

**Kw Kw Kw Mb Mb Mb**

Ku wa Gatandatu baguze udukwavu dutandata.

Ayo matungo abaha ifumbire bafumbiza imboga

a. Kwizera na Mbabazi bahinga imboga mu kuhe kwezi?

b. Ni bande Kwizera na Mbabazi bagurisha imboga?

c. Kwizera na Mbabazi baguze udukwavu ku wa kangahe?

4. Soma interuro ikurikira.

Kwizera na Mbaraga bahinga imbuto.

5. Uzuza izi nteruro ukoresheje rimwe mu magambo akurikira.

igikwasi, Kwizigama, Kwangiza, akamaro

a. Mumuburi yaguze _______.

b. ______ ibidukikije ni bibi.

c. ______ ni ingenzi.

6. Tondeka neza amagambo akurikira ukore interuro, uzandike.

a. urukwavu-Kambanda-yoroye

b. atembera-Gakwisi-nimugoroba

c. rukweto-mu-amazi-mbonye

# Ibitabo byifashishijwe


1. Clay, M. (1979), The early detection of reading difficulties, Portsmouth, NH: Heinemann.

2. Cummins, J. (1979), Linguistic interdependence and the educational development of bilingual children. Review of Educational Research 49:222-51

3. Dyson, A.H. (1988), Appreciate the drawing and dictating of young children. Young Children 43(3):25-32

4. Edition Bakame (2010), Ikinyarwanda, Ikibonezamvugo cy'amashuri abanza n'ayisumbuye.

5. Edition Bakame, (2007), Ikinyarwanda, Igitabo cy'umunyeshuri, umwaka wa gatatu, Kigali.

6. Elley, W. (1989), Vocabulary acquisition from listening to stories, Reading Research Quarterly 24:174-87.

7. Gay Su P. & Irene C. Fountas, (2003), Phonics lessons, Heinemann.

8. Graves, D. (1983), Writing: Teachers and children at work, Portsmouth, NH: Heinemann.

9. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2009), Gusoma, Kwandika noKubara, Igitabo cy'Umwigishwa, Kigali.

10. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho,(2004), Gusoma 3, Igitabo-cy'umunyeshuri, Kigali.

11. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho,(2004), Gusoma 4, Igitabo cy'umunyeshuri, Kigali.

12. Ikigo k'Igihugu Gishinzwe Integanyanyigisho, (2004), Gusoma 5, Igitabo cy'umunyeshuri, Kigali.

